Kigali, kuwa 10 Nyakanga 2020

Imvura iteganyijwe hagati y'italiki ya 11 na 20 Nyakanga 2020

Mu gice cya Kabiri cy'ukwezi kwa Nyakanga (hagati y'italiki ya 11 niya 20 Nyakanga) mu Rwanda hateganyijwe kurangwa n'imvura iri hagati ya milimetero 0 na 15mm. Muri rusange igice kinini cy'igihugu kizarangwa n'imvura nke ndetse n'ibihe by'izuba ryiganje. Mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Nyamasheke n'igice cy'uturere twa Musanze, Rutsiro, Rusizi, Nyamagabe na Nyaruguru hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 10 na 15. Ibice bisigaye by'intara y'Iburengerazuba, Amajyaruguru ni iby'uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru hakiyongeraho igice cya Muhanga na Huye hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 5 na 10. Ahasigaye hose mu gihugu hateganyijwe imvura itagera kuri milimetero 5 (ubusobanuro bwa buri hantu n'imvura ihateganyijwe bigaragara mu ikarita iri hasi).

Imvura iteganyijwe mu gice cya kabiri cya Nyakanga 2020 iri ku kigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu gihugu mu gice cya kabiri cya Nyakanga.